

Ibintu vyofasha umuryango kwigira mu rugo

ABAVYEYI & ABAREZI: Umuji wacu na Steti turimo gutegura uburyoki tworinda umutekano wa kominoti, kandi twateguye ibisabwa kugirango abanyeshuli n'imiryango yabo babyifashishe mu kwiga no kwimenyereza ubumenyi bakoresheje ikoranabuhanga kimwe nuko abarimu basanzwe babyigisha mu mashuli. Nkuko bisanzwe rero, kurikirana amakuru ya SPS, dukurikire ku mbuga nkoranyambaga, mu binyamakuru no kuvoma iyamamaza rya SPS aho riri hose.



IMYUGA YO KWIGA ICYONGEREZA

Ibibazo bigenga imyigire yo mu rugo:

- Niki waba uzi ku majwi, inyuguti, n'amagambo? Ni gute dukoresha amajwi, inyuguti, n'amagambo mu rugo?
- Ni ubuhe bwoko bw'ibitabo usoma? Ushimishwa n'izihe ngingo z'ibygwa?
- Ukunda kwandika kubyerekeye iki? Haba hari inkuru utari warangiza kubara? Ese waba ufite ubunararibonye budassanzwe wumva wakwandikaho ibintu? Ni izihe ngingo z'ibygisho wifuza kwigaho?

Hitamo uburyo bubili cyangwa bwinshi bwagufasha kwiga buli muni:

- Imenyereze amagambo yo kureba kugeza ubwo umwana wawe ayamenye "yose" kimwe n'amagambo ndetse nuko avugwa.
- Soma igitabo cyitwa "just right", mukivugeho mwembi mukoresheje ibibazo bimeze nk'ibi bikurikira : - Ninde mukinyi mukuru? Ese wakwemerako muba incuti? Kubera iki?
 - Niyihe ngingo nyamukuru y'iyi nkuru? Ese ikibazo nyamukuru cyasubijwe gite?
 - Ni buryo iki y'iyi nkuru ikwibutsa ikintu wabonye cyangwa wasomye mbere?
- Shushanya unandike ibyerekeye igitabo wasomye, ubunararibonye bwawe, cyangwase inkuru umwana wawe azi cyane, cyangwa ibyo yishimira kwiga.

Kanda [hano](#) ubone amagambo ngombwa y' Ikiburamwaka na ELA mwigira mu rugo

Kanda [hano](#) ubone amagambo ngombwa y'umwaka wa 1 na ELA mwigira mu rugo

Kanda [hano](#) ubone amagambo yo mu mwaka wa 2,uko avugwa na ELA mwigira mu rugo



IMIBARE

K-2 imibare abanyeshuli barimo kwiga:

- Kwerekana no gukoresha amashushongiro
- Gukoresha ibikoresho bisanzwe harimo iregeri, n'ibidasanzwe nko gukata impapuro uzigereranyaho ikintu runaka.
- Gukomeza kwiga guteranya no gukuramo kugeza kuli 20.

Andi mabwiriza akulikije umwaka umwana yigamo, reba ibaruwa y'umubyeyi (kanda ku gice cya 5 na 6)

- Ikiburamwaka: [Igice cya 5](#) n'[Igice cya 6](#)
- Umwaka wa 1: [Igice cya 5](#) n'[Igice cya 6](#)
- Umwaka wa 2: [Igice cya 5](#) n'[Igice cya 6](#)

Ubundi bufasha

- Ugiye ku kigo cyitwa Math Learning Center naho urahasanga [kwiga imibare ku buntu](#) nabyo bifasha abanyeshuli mu kwiga no kwimenyereza amagambo.

- Ku giti cyabo abanyeshuli bashobora kwiyigisha uburyo bwo kwiga imibare muli Clever bakoresheje MobyMax. Umwana wawe ashora guhitamo kwiga Imibare, Kumenya ibintu bigaruka kenshi, cyangwa Ikoreshamibare dusanga muli MobyMax Math.



2019
2020

COVID-19 INTEGUZA

AMASHULI ABANZA

Ibintu vyofasha umuryango kwigira mu rugo:



KWIGA UBUMENYI BW'IMIBANO

Turashishikariza imiryango kuganira no gusobanura uko umuco wigishwa, ingero z'uko bakora mu karere runaka, jeografi n'ibidukikije, amateka y'igihugu cyanyu, imyemerere, agaciro, n'umurage w'abasokuruza.

Abanyeshuli bashobora no kwifashisha inkoranyambaga zo muli Clever biga imbenezamubano: •

Mobymax

- iCivics
- Pearson Realize



SIYANSI

Abanyeshuli bashobora kwiyigisha siyansi ku giti cyabo bakulikije umuyoboro wa Clever hakoreshejwe Moby Max:

- Isomo lizatangira biga Siyansi y'Ibinyabuzima hanyuma bakongera gusubiramo inyigisho bigishijwe uyu mwaka
- Imiryango irasabwa kureba no gufata amagambo ajyanye n'aho dutuye: gushushanya ikirere, igihe, ubwoko bw'innyamaswa ziboneka mu karere kacyi; ubu ni uburyo bwiza bwo gufasha abanyeshuli kumenya no kwimenyereza Siyansi.
- [PBS Kids](#) ni isoko nziza yo kwigisha abana mu mikino.



KUNONORA IMITSI & UBUZIMA

Hari uburyo bwinshi bwo guhimba no kwimenyereza imikino ngororamubili no gusigasira ubuzima mu rugo— gerageza izi nkoranyambaga maze utangire urebe uko bigenda:

- [Wellness Ideas for Families](#)
- [Health at Home](#)
- [Fitness Calendars for Elementary](#)
- [Tools for an Active Home](#): uru rubuga ni urw' amasomo yakozwe n'abahagarariye amashuri rwitwa OPENPhysEd kandi rusaba gukora urufunguzo rwawe rw'ibanga maze ukinjiramo byihuse. Ibitekerezo birimo ibikorwa, ibikoresho byo kugorora ingingo, aho kubona za videwo, ibikorwa bihuza abanyeshuli bo mu myaka yose.
- Abanyeshuli bose bafise uburenganzira bwo kureba Video and Fitness Module kuli WELNET. Log binjiye muli Clever cyangwa [hano](#).



IMVYINO N'INDIRIMBO

Imenyereze/Kina/Umva umuzika hagati y'iminota 15-30 bitari muni y'incuro ebyili mu cyumweru. Sangira umuzika nabo mu muryango, mwumve injyana, amagambo y'umuzika waba waratangiye kwiga mu gihembwe cya 2.



UMWUGA

Shushanya/siga irangi/rimwe cyangwa kabili mu cyumweru koresha ibintu by'ubugeni wifashishije intoki zawe. Itabire **Kureba Gutekereza Ibikorwa** (jya ku mbuga zikurikira).

- Ikiburamwaka: [VTS](#)
- Umwaka wa 1: [VTS](#)
- Umwaka wa 2: [VTS](#)



KWIFASHISHA UBUMENYI BWA NONE

Inyigisho dusanga ku mirongo nkoranyambaga biboneka k'ubuntu wifashishije urufunguzo rwawe rw'umunyeshuli ukoresha winjira muli **Clever**:

- ThinkCentral (Journeys Online): umunyeshuli ashobora gusoma no kumva imigani, n'inyandiko zivuga ibintu bitabayeho
- Moby Max: umunyeshuli ashobora kwiga ubumenyi bwa ELA akeneye mu kwiyigisha we ubwe
- Typing.com: abanyeshuli bashobora kwiga kwandikisha orudineri bu buryo bwiza kandi bushimishije
- Starfall na PBS Kids: izo mbuga zombie ziriho imikino myiza, za videwo, n'indi mikino ya rusange ihuza ibikorwa bya benshi
 - iCivics: Abanyeshuli bashobora kwifashisha imikino mu kwimenyereza ikinyabupfura no kongera ubumenyi mu myigire yabo
- Pearson Realize: Abanyeshuli bashobora kwifashisha ibitabo biri ku mbuga nkoranyambaga maze bagasubiromu amasomo bize